Itangazo ry'amakuru rusange agaragaza umwirondoro w'umunyeshuri

Ifasi y'amashuri ya Dayton Public School irinda inyandiko z'amakuru y'umunyeshuri yerekeye uburezi mu buryo bw'ibanga. Inyandiko z'amakuru ntabwo zihabwa undi muntu umubyeyi/umurezi atabanje kubitangira uburenganzira mu nyandiko. Itegeko, nyamara, ntiryemerera ibigo by'amashuri gutanga “amakuru rusange agaragaza umwirondoro w'umunyeshuri” umubyeyi/umurezi atabanje kubitangira uburenganzira mu nyandiko.

Mu makuru rusange agaragaza umwirondoro w'umunyeshuri harimo ibikurikira:

- Izina ry'umunyeshuri
- Aderesi yabanyeshuri
- Nomero ya (za) telefoni
- Itariki y'amavuko y'umunyeshuri
- Aho umunyeshuri yavukiye
- Kwitabira ibikorwa bizwi n'inzego zemewe ndetse na siporo
- Ibigwi by'umunyeshuri, ibihembo cyangwa impamyabumenyi
- Ibiro n'uburebure by'umunyeshuri (igihe ari umwe mu bagize itsinda ry'abakina imikino ngororamubiri)
- Ishami yize nyamukuru
- Amatariki yitabiriyeho ("guhera" no "kugeza" ku matariki yiyandikishijeho)
- Itari yahereweho impamyabumenyi
- Amafoto na/cyangwa videwo by'abanyeshuri byerekeye kwitabira kwabo mu mirimo n'ibikorwa by'ifasi n'ibyishuri, biri kumwe n'amafoto na/cyangwa videwo by'abanyeshuri byerekeye kwitabira kwabo mu bikorwa byitabirwa n'imbaga rusange nk'ibikorwa bya siporo, ikinamico, n'imishingiza iteza imbere umuryango mugari. Abanyeshuri kandi bazafatwa ifoto izashyirwa ku ikari iranga umunyeshuri no mu gitabo cy'umwaka cy'umunyeshuri. (Mu gusakaza ifoto/videwo **ntabwo** birimo amashusho ya videwo z'umutekano).

Mugomba kumenya: amafoto na/cyangwa videwo bishobora gushyirwa ku mbuga nkoranyambaga, imbuga, utunyamakuru, ibitabo, cyangwa ibindi bitangazamakuru. Amafoto yafashwe by'umwihariko kugira ngo ashyirwe ku ikarita iranga umunyeshuri n'amafoto yafashwe kugira ngo ashyirwe mu gitabo cy'umwaka byasohorwa mu mashini kubera izo mpamvu zonyine kandi ntibyasangizwa abandi ahandi aho ari ho hose.

Ababyeyi bafite amahitamo yo kudatuma amakuru rusange yose agaragaza umwirondoro w'umunyeshuri asangizwa abandi mu byumweru bibiri bakiriye iri tangazo rimenyesha, nk'uko amabwiriza y'ifasi abisaba.

Kugira ngo uhitemo ko bidakorwa, urasabwa kuzuza inyandiko ibisaba yo mu buryo bw'ikoranabuhanga kuri https://forms.gle/FjheU1AWgCawrVXC6 cyangwa ugasikana kodi ya QR iri hasi. Ushobora no kohereza imeyiri kuri directoryinformation@daytonpublic.com cyangwa ugahamagara 937-542-3065 ukabaza ibibazo byose wifuza. Nyuma yo kuzuza iyo nyandiko, ibyo wahisemo ko bidakorwa bizashyirwa muri sisitemu y'ifasi ibikwamo amakuru y'umuyeshuri.